Kigali, 12 Mutarama, 2021
Ref N^{o}: DIS/ 047 /FDA/2021

RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority

P.O. Box 84 Kigali
info@rwandafda.gov.rwww
w.rwandafda.gov.rw

Abinjiza imiti mu gihugu (Bose)
Abaranguza imiti (Bose)
Abadandaza imiti (Bose)
Abakoresha imiti (Bose)
Abashinzwe ububiko bw'imiti (Bose)
Amavuriro yigenga n'aya Leta (Yose)
Ibigo by'ubwishingizi bw'ubuzima(Byose)

Impamvu: Guhagarika by'agateganyo umuti w'ibinini witwa UNIBROL (Aminosidine Sulphate USP 250mg) ukorwa n'uruganda rwitwa UNIVERSAL CORPORATION LTD, Kenya

Dushingiye ku itegeko N^{o} 003/2018 ryo ku wa 09/02/2018 rishyiraho ikigo gishinzwe kugenzura ibiribwa n'imiti mu Rwanda (Rwanda FDA) cyane cyane mu ngingo yaryo ya 8, igika cya 2 n'icya 13;

Dushingiye ku itangazo N^{o}: DIS/2887/FDA/2020 ryo ku wa 29/11/2020 ryahamagazaga kandi rigahagarika ikoreshwa n'ikwirakwizwa ry'umuti w'ibinini witwa "UNIBROL 250mg (Aminosidine Sulphate)" urangwa na N^{o} **5806898** na **5806675;**

Dushingiye kandi ku bipimo bya Laboratwari ya Rwanda FDA ndetse no kuri raporo y'isesengura ku mpamvu yateraga guhindura ibara ku binini ndetse n'uburyo bwo kubikumira yatanzwe n'uruganda rwa **UNIVERSAL CORPORATION LTD, Kenya**;

Dushingiye na none kuri raporo zinyuranye z'abakora muri farumasi zidandaza ndetse n'abarwayi ubwabo zakiriwe n'ikigo, bakomeje kugaragaza ko ibinini bihindura ibara biva ku ibara ry'umweru bigahinduka umuhondo ku zindi nimero z'uwo muti wavuzwe;

Ni muri urwo rwego Rwanda FDA ihagaritse by'agateganyo nimero zose z'umuti w'ibinini wa UNIBROL 250mg (Aminosidine Sulfate) ukorwa n'uruganda rwa UNIVERSAL CORPORATION LTD, Club road, Plot No.13777, Kikuyu, Kenya mu gihe hagikorwa isesengura ryimbitse.

Ingamba zafashwe

- Rwanda FDA irasaba abinjiza imiti mu gihugu, farumasi ziranguza n'izidandaza imiti, amavuriro ya leta ndetse n'ayigenga afite imiti yavuzwe haruguru, guhagarika kuyigurisha, kuyikwirakwiza no kuyiha abarwayi mu gihe hagikorwa igenzura ryimbitse.

- Rwanda FDA ibaye ihagaritse by'agateganyo kwinjiza mu gihugu umuti w'ibinini witwa UNIBROL (Aminosidine Sulphate) 250mg ukorwa n'uruganda rwa UNIVERSAL CORPORATION LTD, mu gihe hagikorwa igenzura ryimbitse ku buziranenge kuri iyo miti.

Icyitonderwa:

Abashaka gusaba ibisobanuro ndetse no gutanga amakuru ajyanye n'ubuziranenge bw'imiti bahamagara kuri **0789193529** cyangwa bakatwohereza e-mail kuri **pv_sm@rwandafda.gov.rw**

Ku mugereka, murahasanga amafoto agaragaza uwo muti, ubusanzwe ibinini by'umuti wa Unibrol biba bisa n'ibara ry'umweru.

Murakoze,

Digitally signed by Rwanda FDA
(Ag DG)
Date: 2021.01.12 13:05:51 +02'00'

Dr. Charles KARANGWA
Umuyobozi Mukuru w'Agateganyo

RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority

AMAFOTO AGARAGAZA IBININI BYA UNIBROL 250 MG

DA FDA
nd Drugs Authority